REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO Y'UMUCO
ACADÉMIE DU PATRIMOINE CULTUREL DU RWANDA

# ITANGAZO RY'AMARUSHANWA YO GUHANGA IMIVUGO MU KINYARWANDA

Tariki ya 21 Gashyantare 2024, u Rwanda ruzifatanya n'isi kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire. Mu bikorwa biteganyijwe, Inteko y'Umuco yateguye amarushanwa y'imivugo azakorwa n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye n'ay'ubumenyi ngiro, kaminuza n'amashuri makuru. Aya marushanwa agamije gukangurira urubyiruko, abahanzi kubungabunga Ikinyarwanda, ingobyi y'umuco n'umurage by'u Rwanda no kuzirikana indangagaciro z'umuco nyarwanda biciye mu buhanzi bukozwe mu Kinyarwanda kinoze kandi kimakaza umuco nyarwanda.

Uyu ukaba kandi ari umusanzu ukomeye mu bukangurambaga bwo kwimakaza umuco n'indangagaciro zawo Inteko y'Umuco ifatanyije n'izindi nzego yatangiye mu mashuri.

## 1. Abarebwa n'amarushanwa:

Aya marushanwa azitabirwa n'ibyiciro bikurikira:

- Icyiciro cy'abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye n'ay'ubumenyi ngiro, bazarushanwa mu buhanzi bw'imivugo mu Kinyarwanda kinoze ku nsanganyamatsiko igira iti: *"Tunoze Ikinyarwanda, ingobyi y'Umuco"*
- Icyiciro cy'abanyeshuri biga mu mashuri makuru na kaminuza (yaba ari aya Leta cyangwa ayigenga), bazarushanwa mu buhanzi bw'imivugo mu Kinyarwanda kinoze ku nsanganyamatsiko igira iti: *"Dusigasire Ubumwe bw'Abanyarwanda"*

## 2. Uko amarushanwa azakorwa

Abanyeshuri bazarushanwa, bazohererereza ibihangano byabo bwite ku Inteko y'Umuco kuri murandasi bifashishije imeri ikurikira:

*amarushanwa@rwandaheritage.gov.rw*

- Imivugo irushanwa igomba kuba:
  - Ari umwimerere wa nyirayo
  - Yanditse mu Kinyarwanda kinoze kandi igaragaza ko ari ubuhanzi koko.
  - Ihimbye hakurikijwe insanganyamatsiko yatanzwe

Itariki ntarengwa yo kwakira imivugo ni iya 22 Mutarama 2024 isaa kumi n'imwe z'umugoroba (17:00).

## 2. Uko inyandiko y'umuvugo igomba kuba iteye:

Inyandiko y'umuvugo ntigomba kujya munsi y'imikarago mirongo itanu (50) kandi ntirenze imikarago (100). Iyo mikarago igomba kuba ikubiye mu bika by'imikarago itanu, itanu (5). Iyo mivugo igomba kuba yanditse kuri mudasobwa, hatabariwemo urupapuro ruriho umwirondoro wa nyiri umuvugo.

Urupapuro rwa mbere rugomba kuba ruriho umwirondoro w'umunyeshuri gusa.

*(Amazina ya nyirayo, ikigo/ishuri/Kaminuza yigamo, Umurenge n'Akarere ishuri ribarizwamo. Uru rupapuro rugomba kuba rwometseho kandi fotokopi y'ikarita y'ishuri, imeri ye na nomero ya terefoni y' ubuyobozi bw'ishuri yigamo).*

Inyandiko zigomba kuba zanditse mu buryo bukurikira:

- Urupapuro **A4**
- Imiterere y'urupapuro : **Urupapuro ruhagaze (Portrait)**
- Imiterere: **Times New Roman**
- Ubunini bw'inyuguti: **14**
- Umwanya hagati y'imirongo: **1.5**
- Umwandiko ugomba kuba uri **MS Word**.
- Inyandiko ziri muri **PDF** ntizemewe.

Igihangano cy'umuvugo cyoherezwa mu butumwa bumwe kuri imeri yavuzwe haruguru. Ku mutwe w'ubutumwa bwa imeri handikwa: *"Amarushanwa y'Imivugo"*

## 4. Ibihembo

Ibihangano bizarusha ibindi Inteko y'Umuco izabigenera ibihembo ku buryo bukurikira:

A) Ibihembo bizatangwa muri buri cyiciro (Amashuri yisumbuye/kaminuza n'amashuri makuru).
B) Hazahembwa imivugo 15 ya mbere muri buri cyiciro.

*Uwa mbere:* Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri na mirongo itanu (250.000);
*Uwa kabiri:* Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000);
*Uwa gatatu:* Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana na mirongo itanu (150.000);
*Abasigaye (12 muri buri cyicio):* Amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000) buri wese.

**Icyitonderwa:**

1. ***Abazahiga abandi cumi na batanu (15) ba mbere muri buri cyiciro Bazahabwa kandi icyemezo cy'ishimwe (certificate);***
2. ***Abazahiga abandi cumi na batanu (15) ba mbere mu mashuri yisumbuye bazahabwa amafaranga y'urugendo ibihumbi icumi (10,000 Frw) mu gihe cyo kujya gufata ibihembo byabo aho Inteko y'Umuco ikorera;***
3. ***Abazahiga abandi cumi na batanu (15) ba mbere mu mashuri makuru na Kaminuza bazahabwa ibihembo byabo kuri Konti;***
4. ***Abazahiga abandi batatu (3) ba mbere muri buri cyiciro bazahabwa ibyemezo by'ishimwe (certificate) mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire.***

Imivugo izahiga iyindi muri aya marushanwa izakorwamo ibitabo bibiri:

- Igitabo cy'imivugo cumi n'itanu (15) yahize indi mu yahimbwe n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye.
- Igitabo cy'imivugo cumi n'itanu (15) yahize indi mu yahimbwe n'abanyeshuri bo mu mashuri makuru na Kaminuza.

C) Ibihangano bizahembwa muri aya marushanwa bihita biba umutungo w'Inteko y'Umuco, ikazabikoresha mu bukangurambaga bwayo.

Bikorewe i Huye, 19 / Ukwakira 2023,

**Amb. MASOZERA Robert**
Intebe y'Inteko/Inteko y'Umuco

RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY (RCHA)
REPUBULIKA Y'U RWANDA